



*Ukuboza 2022*

*ikinyarwanda*

## **„... maze abana natwe!“**

(Yoh 1,14 b)

**Yezu ashaka kugusanga!**  
Jesus wants to reach you!

**Kontakt:**

*Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen*

*Mobil.:*

*+49-172-5638432  
meinolf.wacker@go4peace.eu  
www.go4peace.eu*

Nshuti bakunzi ba go4peace,

muri uyu mwaka twakoreye hamwe urugendo rwo kuvumbura. Twashakashatse Yezu wifusa kuba hagati yacu. Urwo rugendo rwo kumenya ko Yezu yakomeje kubana n'abe, nyuma y'ubuzima bwe hano ku isi, rwakozwe kandi mu myaka 2000 ishize na Mariya Madalena, Mariya Nyina wa Yezu, Petero, Tomasi n'abandi benshi. Iyi nkuru kandi ni iy'agaciro mu bihe byose. Ni ngombwa ko buri wese ku giti cye ayimanya. Ni yo mpamvu mu mpera z'uju mwaka buri wese abajije iki kibazo: Ni ryari muri uyu mwaka mwabashije kumenya ko Yezu, utaboneshwa amaso y'umubiri ari hagati muri mwe?

Ndashaka kubasangiza ubuhamya bwanjye: Ubwo twasozaga ingando yo mu cyi cy'uju mwaka, twahuriye mu Kiliziya n'abari bitabiriye baturuka mu gihugu cya Ukrone. Nabashimiye urukundo n'ishyaka bazanye mu ngando yacu. Muri urwo rukundo, uku ni uko nabaganirizaga, ni Imana ubwayo yari irimo gukora umurimo wayo, kuko Imana ubwayo ari urukundo. Nimugoroba dushoje, umukobwa umwe uturuka muri Ukrone waru aho, yaranyandikiye arambwira ati: „Ngushimiye ibi bihe byiza. Numvise amahoro adasanzwe mu mutima wanjye. Nzasubira mu gihugu cyanjye ariko mbere yaho, nari natwawe n'igitekerezo cyo kumva nakigumira hano kuko nahavumbuye ubuzima ntari narigeze kubaho mu gihe cyashize.“

Sangiza inshuti yawe ibihe wanyuzemo ukabona ko Imana iri hafi yawe. Bisaba ubutwari. Unabishatse wadusangiza ubuhamya bwawe ukoreshsheje urubuga rwa „go4peace“ ukenze ahanditse „Discover na write“.

Tomáš aradutekerereza: „Kuri njye umwaka udasanzwe ndawushoje. Nanyuze muri byishi byiza ndetse n'ibiremereye. Iyo byabaga binkomereye nibukaga ko ngishobora gukunda, yemwe ndi no mu bihe bikomeye. Nagerageje kubikora ntyo. Kenshi numvaga ari nk'aho Yezu yari aho. Nk'aho yongeye kuvuka bundi bushya ku bw'Urukundo. Yampaye urumuri rumurikira, mbasha gutera izindi ntambwe mu buzima. Iyi ni Noheli. Yezu yabanye natwe. Kandi n'uju munsi ashaka kubana natwe. **Yezu ashaka kuza! Yezu ashaka kugusanga!** – Mbifuriye Noheli nziza y'ibyishimo n'umugisha w'Imana. Ubonye yakongeye akavukira mu bice byinshi by'isi, hagati muri twe. Dukomeze twunge ubumwe!“

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker